

TUMENYE BIBILIA

IKIGANIRO NO 0054

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y’Imana nabane nawe. kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Duherukana Yosefu yohereje amagare ngo aze gutwara se Yakobo kugira ngo bahure. Ni ukuri navuga ko bombi bari bakumburanye. Nyuma yuko Yosefu yibwiye bene se, ndetse akongera agahura na murumuna we Benyamini. Bene se batekerezaga ko Yosefu ashobora kwihora, ariko batangazwa n’umutima mwiza w’uyu mugabo. Kuko yabahamirije neza ko ; icyatumye bamugurisha muri Egiputa byari kugira ngo ababanzirize maze azabashe kubakiza iyo nzara yamaze imyaka irindwi. Kandi koko ni ko byagenze ; Bene se wa Yosefu baje guhaha muri Egiputa inshuro ebyiri zose kandi uko bazaga nta kiguzi Yosefu yigeraga abaca. Kuko basubiraga mu rugo bajyanye ibiryo n’amafaranga yabo akiri mu masaho. Ku nshuro ya kabiri Yosefu byamunaniye kwihangana ubwo yabonaga murumuna we Benyamini. Ikiniga kiramufata maze arabibwira ndetse abatwaho se Yakobo. Umwami Farawo izo nkuru na we zimugeraho anezwaga no kumva ko Yosefu, yongeye guhura na bene se. Nuko Farawo ateguka ko bagenda kuzana se Yakobo n’ibyo atunze byose akaba gutwara muri Gosheni. Twashoje ikiganiro, bene se wa Yosefu bariho babwira Yakobo ko akiriho kandi ko yabaye umutwara muri Egiputa. Bamubwira kandi ko Farawo na Yosefu bifuzaga ko aza gutwara muri Egiputa.

Mu kiganiro cy’uyu munsu turatangira Itangiriro igice cyaho cya 46. Ibintu bikuru turi buganire cyane ni uburyo Yakobo yagiye muri Egiputa n’uburyo yaje kubonana n’umuhungu we Yosefu. Nshuti yanjye, ni ukuri uyu wari umunezero udasanzwe. Yakobo noneho yari agiye gupfa umutima we wuzuye ibyishimo kuko yari ageze mu zabukuru ariko kandi agiye gusezera isi amaze kumenya ko umuhungu we Yosefu akiriho. Mu gihugu cyacu cy’u Rwanda habayeho Genocide yakorewe Abatutsi mu 1994. Nyuma yaho ababyeyi benshi babuze abana babo. Hari bamwe bashoboraa gutekerezaga bati ; umwana wanjye yarapfuye. N’umwana na we ni uko agatekerezaga ko umubyeyi we yapfuye. Ndibuka ko habaga ikiganiro cya CICR. Iki kiganiro cyafashaga imiryango yatandukanye kongera guhura. Ababyeyi benshi banezwe nta kongera guhura n’abana babo babuze muri icyo gihe cya Genocide. Ndibuka ko hari umubyeyi twari duturanye, yari yarabuze umwana we. Nawe yari amaze nka Yakobo kuko yibwiraga ko uwo

mwana yapfuye. Ariko mu nyuma y'imyaka 5 Genocide yakorewe abatutsi irangiye. Umubyeyi yaje guhura n'umwana we. Ndatekereza neza ko umwaka wa 1999 utazigera wibagirana mu mutwe w'uwo mubyeyi. Kuko niwo mwaka yahuriyemo n'umwana we yari yarabuze. Ibi mbivuze kugira ngo ubashe kumva uburyo Yakobo yari anezerewe kongera guhura n'umuhungu we Yosefu. Reka twinjire mu gice cya 46 maze twumve uko byagenze. Ngaho Imana ikomeze ikugirire neza

YAKOBO N'UMURYANGO we BAJYA MURI EGIPUTA, Yosefu AHURA NA SE

Yakobo yari azi ko azamarayo imyaka mike, niko we yatekerezaga. Imana yari yarahaye amabwirizwa Aburahamu yo kutaba mu gihugu cya Egiputa kandi yahagiriye ibibazo byinshi. Imana yabibwiye kandi na Isaka. Ikibazo ni iki. Ese Yakobo we aremera kujya muri Egiputa? akeneye izindi mbaraga zikomeye zitari uguhamagarwa n'umuhungu we gusa cyangwa Farawo, akeneye imbaraga z'Imana.

YAKOBO AJYA MURI EGIPUTA

Isirayeli aragenda, ajyana ibyo atunze byose agera I Berisheba, atambirayo ibitambo Imana ya se Isaka. [Itang. 46:1].

Atambiye Imana ya se Isaka. Mbere yavuye muri iki gihugu ajya I Harani. Arongera ajya I Beteli, aho hose ntiyashakaga Imana, ntiyahaga umwanya ukomeye Imana mu buzima bwe. byamufashe igihe kugira ngo amenye ko iyo atari inzira y'ubuzima bwe Imana yamuteguriye.

Ni abakritso bangahe batita kuri ibyo bakajya mu rusengero ku cyumweu gusa ; ndetse bakumva ko icyo Imana ishaka ari ukwigisha ijamba ryayo ku cyumweru. Hanyuma bakayisezerera mu ijoro ry'uwo munsu ; indi minsi y'imibyizi ikaba iyabo ntibayeguriye Imana? Ndakubwiza ukuri ko ubu ari bwo bukene bwuzuye mu matorero menshi. Abakristo bo muri kino gihe basigaye bibwira ko kuba mu nzu y'Imana ari ku cyumweru gusa, ikindi bagatekereza ko mu yindi minsi bemerewe gukora ibyo bashatse. Nshuti yanjye niba ufite imyumvire nk'iyi uriho urayoba. Imanikeneye ko tuba mu nzu yayo buri munsu. Kandi tugomba kuyiramba no kuyihimbaza amasaha 24 kuri 24 ; kuva ku wa mbere kugeza ku cyumweru, kuva mu kwezi kwa mbere kugeza mu kwezi kwa 12. Ntabwo dukwiye kwibuka Imana ku cyumweru gusa ! niba Satani yari

arakuboshye usigaye warabaye umukristo wa ku cyumweru tangira usenge, usaba Imana iguhe imbaraga. Maze wongere witabire gahunda zo ku rusengero iwanyu.

Ubu Yakobo atambiye Imana. Imana na yo igiye gukorana na we andi masezerano akomeye.

Imana ihamagara Isirayeli mu iyerekwa rya nijoro iti “Yakobo, Yakobo!” aritaba ati “Karame’

Iramubwira iti “Ndi Imana, Imana ya so, Ntutinye kumanuka ngo ujye muri Egipta, kuko ariho nzakugirira ishyanga rikomeye,” [Itang. 46:2–3].

Imana isezeranyije Yakobo ko izamugira ishyanga rinini mu gihugu cya Egipta. Ushobora kwibaza niba koko Imana yarabikoze. Ibyo tubisanga mu gitabo cyo (Kuva1:7). Imana yakoze ibyiza mu isezerano ryayo.

Ubwanyje nzajyana namwe muri Egipta, kandi ubwanjye nijye uzagukurayo, kandi Yosefu niwe uzakumbya amaso yawe.”

Yakobo arahaguruka ava i Berisheba, abana ba Isirayeli bajyana Yakobo se n’abana babo, n’abagore babo mu magare Farawo yohereje kumuzana. [Itang. 46:4–5].

Bashyira Yakobo muri rimwe mu magare Farawo yari yohereje. Ubuzima bwa Yakobo burimo ibice bitatu : Ubwo yari ari i Harani yari umuntu w’Imana ukoreshe n’umubiri. Ageze I Kanani, arirwanirira n’imbaraga ze. Ubu noneho muri Egipta aragenda mu kwizera. Abaye umugabo Imana ishaka ko aba we. Natwe ibyo bijya bibaho ko tuba mu mbaraga zacu nyuma tukayoborwa n’ubuntu bw’Imana. Nshuti yanjye niba hari ibyo ukishingikirije mu buzima bwawe. Imana ntabwo izigera na rimwe ikorana nawe. Birashoboka ko wibwira ngo ; hari icyo uzageraho kubera amashuri yawe, amafaranga utunze, umuryango ukomokamo n’ibindi. Ariko ntabwo Imana ikorana n’abigira abanyabwenge cyangwa bumva ko batunze ibya mirenge. Oya da ! Imana ikorana n’abafite imitima imenetse. Iri banga twabonye ko Yakobo yarihishuriwe, areka uburiganya bwe maze, areka Imana ikorera muri we. Yosefu nawe ni uko Dawidi we byatumye avuga ngo. Ibitambo by’intama ntabwo ubyishimira, ahubwo Uwiteka wishimira umutima umenetse. Umutima uciye bugufi, ni wo Imana ikoresha. Imana ikorana n’abanyanteg nke. Kandi abantu twese turi abanyanteg nke. Uramenye utazibwira ko uhagaze, kandi waraguye kera.

Bajyana amatungo yabo n'ibintu baronkeye mu gihugu cy'i Kanani baja muri Egiputa, Yakobo n'urubyaro rwe rwose rujyana nawe, abahungu be n'abuzukuru be b'abahungu, n'abakobwa be, n'abakobwa b'abahungu be, n'urubyaro rwe rwose rujyana nawe muri Egiputa. [Itang. 46:6–7].

Kubera inzara Yakobo nta n'umwe yagombaga gusiga ngo atazicwa n'inzara. Imirongo ikurikiraho ivuga ibisekuru bya Yakobo, aribyo bitugeza ku kuvuka kwa Yesu Kristo ; ndetse bikerekana n'inkomoko ya Bibiliya yose. Nyuma yabyo turasoma ibi ngo

Abantu bose bajyanye na Yakobo muri Egiputa bakomotse mu rukiryi rwe, utabariyemo abakazana ba Yakobo, bose bari mirongo itandatu na batandatu. [Itang. 46:26].

Abantu mirongo itandatu na batandatu bazanye na Yakobo muri Egiputa. Nibyo, kuko umuryango wose wari wimutse.

Abahungu ba Yosefu yabyariye muri Egiputa ni babiri, abantu bose b'inzu ya Yakobo yagiye muri Egiputa bari mirongo irindwi. [Itang. 46:27].

Wibuke ko abakomoka kuri Yakobo bose bavuzwe mu mazina. Kuki babavugaga amazina? Hari akamaro bifite? Impamvu irahari ; ariko nshuti yanjye nta gifite akamaro kuruta Umwami wacu Yesu Kristo.

Turaza kubona amwe muri ayo mazina mu bisekuruza bya Yesu muri Luka 3 no muri Matayo 1.

Ariko hari indi mpamvu. Ese waba warigeze gusoma igitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama? Ese izina ryawe ryaba ryanditswemo? Kwandikwamo bisaba kuvuka ubwa kabiri. Ibi bisobanura kwemera Yesu Kristo nk'umucunguzi wawe. Ndakubwiza ukuri ko waba uhisemo neza cyane! sinkuzi kandi na we ubwawe ushobora kuba utarisobanukirwa. Ariko nshuti yanjye Imana yo irakuzi neza kurusha uko wiyizi, no kurusha uko undi wese akuzi. Imana irakuzi neza kurusha na nyoko ukubyara. Ese mama wawe azi umubare w'imisatsi ufite ku mutwe? Ariko Imana yo irawuzi. Imana irakuzi neza kandi iragukunda cyane.

Uri umwihariko imbere y'Imana ariko uri umwe mu mamiliyoni y'abantu bari ku isi Imana izi kandi ikunda ndetse ikuzi no mu izina. Urahambaye cyane imbere y'Imana. Isi ishobora kuguhinduka, ababyeyi bashobora kuguhinduka, abavandimwe bawe baguhinduka, uwo

mwashakanye yaguhinduka, fiance wawe yaguhinduka. Ariko Imana ntizigera iguhinduka na rimwe. Nshuti yanjye, Imana iragushaka mu muryango wayo. Ni mugari uzawusangamo bakuru bawe, barumuna bawe, abana bawe n'ababyeyi bawe. Ese urashaka kuba muri uwo muryango ? icyo bigusaba ni ukwemera Yesu Kristo gusa. Ijambo ry'Imana riravuga ngo ; Kandi abamwemeye bose yabahaye ububasha bwo kwitwa abana b'Imana.

Tugarutse kuri Yakobo n'umuryango we muri Egiputa.

Yakobo atuma Yuda imbere kuri Yosefu ngo amuhe inzira yo kujya I Gosheni, bagera mu gihugu cy'I Gosheni [Itang. 46:28].

YAKOBO NA YOSEFU BABONANA

Yosefu yitegura igare rye arazamuka ajya gusanganira se Isirayeli I Gisheni, aramwiyereka, aramuhobera begamiranya amajosi aririra ku ijosi rye umwanya munini. [Itang. 46:29].

Ijambo ry'Imana ritumbwira ngo cyari igihe cyiza. Umwana na se barahuye. Mbega ukuntu bishimishije! Nk'uko nabivuze mbere ngutangira, umunsi nk'uyu wari umunsi udasanze haba; ku buzima bwa Yosefu no ku mukambwe Yakobo.

Isirayeli abwira Yosefu ati “Naho napfa, nibyo bizi, ubwo nkubonye nkamenya yuko ukiriho” [Itang. 46:30].

Mbega umunezero kuri Yakobo! ndatekereza ko yari ashaje cyane ari hafi yo gupfa. Ariko Imana yamwongereye iminsi yo kuba muri Egiputa. Ubu ni umwana w'Imana kuko agendera mu kwizera nicyo gituma yitwa Isirayeli. Ese wowe nshuti yanjye uriho uragendera mu yihe nzira? Yakobo byamutwaye imyaka myinshi kugira ngo agendere mu nzira yo kwizera, nyamara ari mu bantu Imana yagiriye neza, ikamubonekera inshuro zitari nke. Ese uzi impamvu atizeye Imana kuva mbere hose. Ni ukubera ko yagiye kenshi yishingikiriza ubucakura n'ubwenge bwe. Yakobo na Yosef baratandukanye cyane. Buri gihe Yakobo ntabwo yemeraga ko Imana imurwanirira mu kibazo runaka yabaga afite. Wasangaga kenshi abanza akifashisha bwa bwenge n'ubucakura bye. Akagerageza ngo arebe ko hari icyo yakwigezaho, iyo byamunaniraga. Ni bwo yashoboraga kwibuka kwambaza Imana. Hari abakristo benshi muri iki gihe bameze nka Yakobo. Bene abo usanga kenshi Imana, bayiha umwanya wa kabiri iyo bageze mu bibazo.

Ntabwo tujya kwa muganga kubera ko twizeye dogiteri n'imiti ari buduho. Mbere ya byose tugomba kubanza kwizera ko Imana ishoboye kudukiza. Imiti tunyweye na yo igakora mu mubiri ishingiyeye ku kwizera dufite. Iyo unyweye umuti ariko udafite kwizera ko igukiza nuko nyine biguhwanira nk'uko wizeye. Ndakubwiza ukuri ko iyo miti urinda uyirangiza ntacyo ikumariye. Umudogiteri umwe uvura indwara ya kanseri muri Leta Zunze ubumwe za Amerika. Yigeze kuvuga ibanga akoresha kugira ngo amenye umurwayi ushobora gukira kanseri n'udashobora kuyikira. Yavuze ko afata umurwayi akamwiharerana maze akamubaza iki kibazo ngo; wizera ko uzakira kanseri? Uyu mudogiteri ahamya neza ko benshi mu barwayi basubije Yego bakize Kanseri ariko mubavuze oya yarabasinzikaje! Nshuti yanjye, nubwira muri aka kanya ko Imana ikiza kanseri ushobora kuba wahise ugira gushidikanya. Ndagira ngo nkubwire ko ni uko ari ukutizera. Kuko wishingikiye ubwenge bwawe nka Yakobo, nyamara Imana ntikora nk'abantu. Ni byo mu bwenge bw'abantu kanseri ntikira ariko imbere y'Imana kanseri ni indwara nk'izindi zose. Imana ishoboye gukiza kanseri, n'izindi ndwara zose, abaganga bavugaga ko batabasha kuvura. Reka mu buzima bwacu duharanire kumera nka Yosefu. Ntabwo we yabanzaga kwishingikiriza ubwenge bwe. Yosefu yashyiraga Imana imbere muri byose. Ni yo mpamvu ntaho tubona yigeze ahangayika, mu bibazo byose yagiye anyuramo. Iyo wizeye Imana byuzuye nka Yosefu, ntabwo uhangayika, cyangwa ngo ugire stress nk'uko bamwe babivugaga. Uzasanga umukristo wizera Imana byuzuye, abasha kwakira ikimubayeho cyose. Kuko aba yarashobanukiye rya banga rivugaga ngo; ku bakunda Imana, byose bifatanyiriza hamwe kutuzanira ibyiza. Yobu na we iri banga yari arizi kuko igihe yahuraga n'ibibazo bikomeye, asigaye ari wenyine, yaravuze ngo; Ese twahora duhabwa ibyiza gusa ibibi bigahabwa bande? Ni byo rwose ntabwo yabeshye kuko. Imana ntizakunda ko hari ikigeragezo kituba kiruta uko twakihanganira. Nshuti yanjye, banza wizera Imana muri byose, ibyo wowe utumva ntuhite utekereza ko bidashoboka. Kuko ubwenge bwawe burutwa n'ubwenge bw'Imana inshuro ibihumbi n'ibihumbi. Ibidashobokera abantu ku Mana birashoboka. Ikindi kandi nakubwira nuko Imana yigenga ntabwo ikora ishingiyeye ku marangamutima y'abantu. Iyo igukijije yitwa Imana ariko naho itagukiza ikomeza kwitwa Imana. Kandi sintekereza ko itagukiza kuko yabinaniye, oya; ahubwo ni uko iba yabishatse nyine kutagukiza; wenda igihe kitaragera cyangwa hari ukundi kuntu ishaka kubigenza. Nkunda ba basore batatu Meshake, Saduraka, na Abedenego uburyo basubije umwami Nebukadinezari. Baramubwiye ngo; mwami Nebukadinezari ntidushobora kuramya ikigirwamana wiremeye n'intoki zawe kuko twizeye ko Imana iri budukize. Umva

ijambo nkunda cyane barongera bati; kandi naho itadukiza, ntidushobora kuramya icyo kigirwamana cyawe. Ntabwo ari uko batizeraga ko Imana yabakiza. Oya, ahubwo ni uko bari baramaze kumenya rya banga rivuga ko Imana ikora ku bushake bwayo idasunitswe n’amarangamutima yacu.

Yosefu abwira bene se n’inzu ya se ati “Ndagenda mbwire Farawo yuko bene data bari mu gihugu cy’I Kanani bansanze.

Kandi ko ari abashumba kuko baragira amatungo, kandi ko bazanye imikumbi yabo n’amashyo yabo, n’ibyo bafite byose.

Nuko Farawo nabahamagaza akababaza ati “Umwuga wanyu ni umuki?” muzamusubize muti ‘abagaragu bawe turagira amatungo, twahereye mu buto bwacu kugeza n’ubu, twebwe ubwacu na basogokuruza, muvugire mutyo kugirago muture mu gihugu cy’I Gosheni.

kuko umushumba wese ari ikizira ku Banyegiputa. [itang. 46:31–34].

Muri Egiputa bari bafite ikibazo nk’icyahoze muri west Texas, kuko nta mushumba wahabaga ngo agire inshuti aho hantu. Izina umushumba mu yindi mvugo y’abakristo risobanura Umwami wacu Yesu Kristo, ni we Mushumba ukunda ubushyo bwe, akabureberera amanywa na n’ijoro, ni umushumba mwiza witangiye ubushyo bwe. Muri Egiputa umushumba cyari ikizira.

Nyuma turaza kubona ko Farawo yabahaye ikibanza kinini cyo kororeramo ngo abana ba Isirayeli bose bazakure ari abashumba ndetse abongerera n’amashyo.

Yosefu amaze gupfa abisiraheli babaye abacakara muri icyo gihugu ariko Imana yabanye nabo, ibaba hafi iminsi yose. Maze ibagira ishyanga rikomeye. Bitwereka ko Yosefu yari yaraje kubabanziriza ngo bazabone uko babaho, yaje gutegura inzira ngo umuryango wa Yakobo wose uzabone uko ubaho ku butaka bwa Egiputa.

Isengesho

Mwami Yesu uduhe kukwizera byose, tudashingiye ku bumenyi dufite, no ku marangamutima yacu. Ijambo ryawe rivuga ko kwizera ari ukumenya by’ukuri kandi udashidikanya ko ibitariho biriho. Uwumvuga hari uburwayi bukomeye afite agatekereza ko atabasha gukira; uyu muni

abimenye ko uri Imana idakora nk'abana b'abantu kandi ko ubushobozi bwawe budafite aho bugarukiye; maze umukize. Ndasengera n'undi wese wanteze ugutwi ariko akaba afite ikibazo kimuremereye amaranye iminsi, Mana ukimutunganyirize nk'uko kwizera kwe kungana. Mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo. Amen!

Ndagushimiye cyane wowe twabanye muri iki kiganiro; ngira ngo urumva ko inkuru yacu iriho igera ku musozo Yakobo amaze kubonana n'umuhungu we Yosefu; kandi wibuke ko Yakobo yari amaze gusaza cyane. Yari agiye gupfa. Ariko se byaba byararangiyeye gute? Ntuzacikwe n'ikiganiro cy'ubutaha nzakomeza kukubwira amaherezo y'uyu muryango uko byagenze bamaze gutura muri Gosheni

Amahoro n'umugisha biva ku Mana Data n'Umwana wayo Yesu Kristo n'Umwuka Wera bibane nawe